

Itangazo rimenyesha uburenganzira bw'ubuzima bwite

Gahunda zireba abafite uburwayi buterwa no gukoresha ibiyobyabwenge

Twitaye ku buzima bwite bwawe

Amategeko y'igihugu arinda ibanga ry'amakuru y'abarwaye indwara ziterwa no gukoresha ibiyobyabwenge

Iri tangazo risobanura:

- UBURYO AMAKURU Y'UBUZIMA AKWEREKEYEHO ASHOBORA GUKORESHWA NO GUTANGAZWA
- UBURENGANZIRA BWAVE BUJYANYE N'AMAKURU Y'UBUZIMA AKWEREKEYEHO
- UKO WATANGA IKIREGO KIJYANYE NO KUTUBAHIRIZA UBUZIMA BWITE CYANGWA UMUTEKANO W'AMAKURU Y'UBUZIMA AKWEREKEYEHO, CYANGWA UBURENGANZIRA BWAVE KU BIJYANYE N'AMAKURU YAWE

UFITE UBURENGANZIRA BWO GUHABWA KOPI Y'IRI TANGAZO (RIRI KU MPAPURO ZACAPWE CYANGWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA) NDETSE NO KURIGANIRAHO N'IBIRO BISHINZWE UBUZIMA BWITE BYA COREWELL HEALTH KURI **616.486.4113** CYANGWA privacy@corewellhealth.org NIBA UFITE IBIBAZO RUNAKA.

Ibanga ry'amakuru yawe y'ubuzima ni ikintu gihora gihabwa umwanya wa mbere kuri Corewell Health. Iri tangazo riha umurwayi urwaye indwara ziterwa no gukoresha ibiyobyabwenge urwariye muri Corewell Health amakuru yerekeye uburenganzira bwe ku buzima bwite ndetse n'ibikorwa Corewell Health ikomeza gukora mu kubungabunga ubwo burenganzira. Ufite uburenganzira bwo guhitamo uko amakuru yawe akusanywa n'uko akoreshwa.

Itangazo ryerekeye imikorere yo kugira ibanga

Iri tangazo risobanura uburyo amakuru y'ubuvuzi buhabwa abakoresha ibiyobyabwenge akwerekeyeho ashobora gukoreshwa no gutangazwa ndetse n'uburyo ushobora kugera kuri ayo makuru. Iri tangazo urihabwa mu gihe cyo kwinjira muri porogaramu zo kuvura abakoresha ibiyobyabwenge cyangwa, niba utabasha kurisobanukirwa bitewe n'uko uburwayi bukurembeje, urihabwa vuba igihe bishoboka. **Soma iri tangazo witonze.** Ibikubiye muri iri tangazo bizatangira gukurikizwa ku itariki ya 16 Gashyantare 2026.

Uzakurikiza iri tangazo

Iri tangazo rireba Porogaramu cyangwa Abatanga serivisi z'ubuvuzi bakorana na Corewell Health batanga serivisi z'ubuvuzi ku bakoresha ibiyobyabwenge cyangwa serivisi zivugwa mu gice cya 42 CFR Part 2 (Igice cya 2 cy'Itegeko rigenga ubuzima bwite bw'abakoresha ibiyobyabwenge). Impinduka izo ari

zo zose ziba ku Itangazo rimenyesha uburenganzira bw'ubuzima bwite ziboneka ku biro cyangwa ibitaro uri kuvurirwaho, uhamagaye **616.486.4113**, cyangwa woherereje imeyiri kuri privacy@corewellhealth.org.

Isezera ryacu ku bijyanye n'amakuru y'ubuzima akwerekeyeho

Dusobanukiye ko amakuru y'ubuzima yawe ari ayawe bwite kandi twiyemeje kuyarinda. Amakuru y'ubuzima dukoresha, twandika, tubika, kandi dutangaza akwerekeyeho ashobora kuba ajyanye n'ubuzima bwo ku mubiri n'ubwo mu mutwe bwawe uherye kuri twe ndetse na Porogaramu zacu Porogaramu zirebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge. Twandika amakuru y'ubuvuzi na serivisi uhabwa muri Corewell Health. Ubu bubiko bw'amakuru butuma tuguha ubuvuzi bufite ireme kandi tukubahiriza ibisabwa n'amategeko bimwe na bimwe. Iri tangazo rireba amakuru yo mu Gice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge ajyanye n'ubuvuzi bwawe abitswe na Corewell Health, yaba ari mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa mu mpapuro. Iyo umuganga uri kukuvura atari ugize itsinda ry'abaganga bakorana na Corewell Health, bashobora kugira ingamba zitandukanye cyangwa amatangazo atandukanye ku bijyanye no gukoresha no gutangaza amakuru y'ubuvuzi yawe. Iri tangazo rikubwira uburyo amakuru y'ubuzima arebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge akoreshwa cyangwa atangazwa. Rinasobanura uburenganzira bwawe n'inshingano zacu ku bijyanye no gukoresha no gutangaza amakuru y'ubuzima y'abakoresha ibiyobyabwenge.

Amategeko adusaba:

- Kubungabunga ubuzima bwite n'umutekano w'amakuru y'ubuzima arinzwe akwerekeyeho (PHI) – harimo amakuru y'ubuzima arebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge.
- Guha abarwayi itangazo ni inshingano dufite mu rwego rw'amategeko no ku kubahiriza ubuzima bwite ku bijyanye n'amakuru arebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge.
- Kubahiriza imigirire irebana n'ubuzima bwite byasobanuwe mu itangazo riri kugenderwaho kuri ubu.
- Kuguha kopi y'iri tangazo uyisabye.
- Kumenyeshya abantu ku giti cyabo bireba nyuma y'uko habayeho kutubahiriza ibireba amakuru y'ubuzima atarinzwe; harimo amakuru y'abakoresha ibiyobyabwenge.

Uburenganzira bwo Gutanga uburenganzira no kubutesha agaciro

Ushobora gutanga uburenganzira inshuro imwe ku mikoreshereze n'imitangarize izakorwa mu gihe kizaza ku buvuzi, kwishyura, cyangwa ibikorwa by'ubuvuzi ku birebana n'amakuru yawe arebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge (Uko ayo makuru ashobora gukoreshwa bivugwa kurushaho ahakurikira) Ushobora gutesha agaciro uburenganzira watanze igihe icyo ari cyo cyose, keretse ku bikorwa Corewell Health yakoze ishingiyeye ku burenganzira wari watanze. Amakuru yatangarijwe Porogaramu zirebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge, urwego bireba, cyangwa abafatanyabikorwa mu bucuruzi hakurikijwe uruhushya rwanditse umurwayi yatanze ku bushake mu rwego rwo kuvura, kwishyura, n'ibikorwa by'ubuvuzi ashobora gutangazwa kurushaho na Porogaramu zirebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge, urwego bireba, cyangwa abafatanyabikorwa mu bucuruzi, nta burenganzira bwanditse umurwayi abanje gutanga, hakurikijwe uko amabwiriza y'Itegeko rya HIPAA ateganya ibijyanye no gutangaza ayo makuru.

Uko dushobora gukoresha no gutangaza amakuru yawe y'ubuzima

Ku byo kuvurwa: Dushobora gukoresha amakuru y'ubuzima yawe no kuyatagariza abandi banyamwuga bari kukuvura. NK'urugero, muganga ukuvura igikomere abajije undi muganga uko ubuzima bwawe buhagaze muri rusange.

Dushobora gutangaza amakuru y'ubuzima ku mpamvu zo gukomeza gutanga ubuvuzi. Amashami atandukanye ya Corewell Health ashobora gutangaza amakuru yawe kugira ngo ahuze ibintu bitandukanye ukeneye, nko kwandikirwa imiti, ibizami byo muri laboratwari, kunyuzwa mu cyuma, cyangwa kugororwa, cyangwa guhuza taransiferi.

Ku byo kwishyura: Dushobora gukoresha no gutangaza amakuru y'ubuzima yawe n'amakuru atari ay'ubuzima mu rwego rwo guha fagitire no kwishyura ibigo by'ubwishingizi bw'ubuzima n'ibindi bigo mu rwego rwo kuvurwa no guhabwa serivisi uhabwa muri Corewell Health. Urugero, dushobora guha ikigo cyawe cy'ubwishingizi bw'ubuzima amakuru yawe kugira ngo kizakwishurire ubuvuzi cyangwa serivisi wahawe. Dushobora kubwira ikigo cy'ubwishingizi bwawe bw'ubuzima ibyerekeye ubuvuzi ugiye guhabwa kugira ngo tubone uburenganzira bw'ibanze cyangwa kwemeza niba ubwishingizi bwawe buzishyura ikiguzi cy'ubuvuzi.

Niba wamaze kwishyura ikiguzi cyose cy'ubuvuzi cyangwa serivisi wahawe, kandi ukatubwira ko udashaka ko ikigo cy'ubwishingizi bwawe kibona amakuru yerekeye ubwo buvuzi cyangwa serivisi, ntituzahishurira ayo makuru ikigo cy'ubwishingizi bwawe, keretse tubisabwe n'amategeko.

Ku bijyanye n'ibikorwa by'ubuvuzi: Dushobora gukoresha no gutangaza amakuru y'ubuzima yawe kugira ngo dukore ibikorwa byacu birimo icungamutungo, gusesengura ibirego cyangwa gukorera isuzuma abakozi bacu. Iyi mikoreshereze n'itangazwa ni ngombwa mu bikorwa by'ubucuruzi bwa Corewell Health no gukora ku buryo abarwayi bacu bahabwa ubuvuzi bufite ireme.

Dushobora guhuza amakuru y'ubuzima dufite n'amakuru y'ubuzima avuye ku bindi bigo kugira ngo tugereranye imikorere yacu maze twiyemeze uko dushobora kunoza ubuvuzi na serivisi dutanga.

Mu gucunga igenzuramutungo, igenzura ry'imari no Gusuzuma porogaramu: Dushobora gutangariza amakuru yawe abashinzwe gukora igenzura rimwe na rimwe n'ibikorwa by'isuzuma, igihe cyose uwo muntu yemera kubahiriza amabwiriza amwe n'amwe ajyanye no gutangaza amakuru. Igenzura ntiririmo gusa igenzura rikorwa n'igihugu, leta cyangwa urwego rw'ibanze rw'igihugu, ndetse n'abandi bishyura na/cyangwa ibigo by'ubwishingizi bw'ubuvuzi mu rwego rwo kugenzura uburyo imivurire ikorwamo, porogaramu za leta n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abatwaga.

Ni gute dushobora gukoresha no gutangaza amakuru y'ubuzima akwerekeyeho - Impamvu zihariye

Ku bijyanye n'ubuvuzi bwihutirwa: Mu gihe cy'ubuvuzi bwihutirwa, dushobora gutangaza amakuru yatuma umurwayi amenyekana utabanje kubitangira uburenganzira, iyo gusa ari ngombwa mu gufasha abaganga mu kwita ku murwayi ukeneye ubuvuzi bwihutirwa.

Inyandiko z'ubujyanama n'amakuru y'ibanga rikomeye: Amakuru y'ubuvuzi amwe n'amwe ashyizirwaho uburyo bwo kuyarinda bwihariye nk'inyandiko z'ubuvuzi bw'imitekerereze n'inyandiko z'ubujyanama buhabwa abakoresha ibiyobyabwenge (Inyandiko zibikwe ukwazo n'umuganga ukora mu ivuriro uri gusesengura ikiganiro cy'ubujyanama), serivisi z'ubuzima bwo mu mutwe n'ubumuga bw'imikurire n'indwara zimwe na zimwe. Tuzakoresha cyangwa dusangize abandi amakuru yawe y'ibanga rikomeye ari uko gusa byemewe cyangwa bisabwa n'amategeko, cyangwa dufite uruhushya rwawe mu nyandiko.

Ku byerekeye Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge mu bijyanye n'inyandiko z'ubujyanama, dushobora kuzitangaza nta burenganzira bwanditse butanzwe mu rwego rwo (i) kuvura bikoze n'utanga serivisi z'ubuvuzi wanditse izo nyandiko z'ubujyanama; (ii) gahunda z'amahugurwa agenewe abanyeshuri, abahugurwa cyangwa abaganga babyitoza mu byo kuvura abakoresha ibiyobyabwenge (SUD) cyangwa muri porogaramu z'ubuzima bwo mu mutwe; ndetse/cyangwa (iii) mu gihe Corewell Health yiregura ku cyemezo cy'amategeko cyangwa mu rundi rubanza iregwamo n'umurwayi.

Ibyago ku buzima rusange: Dushobora gutangariza amakuru y'ubuzima inzego zishinzwe ubuzima rusange mu rwego rwo gukumira cyangwa guhangana n'indwara, gukomereka cyangwa ubumuga. Amakuru yatanzwe agomba gukurwamo ayatuma umwirondoro w'umuntu umenyekana kugira ngo ntihabeho impamvu zumvikana zo gutekereza ko ashobora gukoreshwa mu rwego rwo kukumenya.

Ibikorwa byo gukusanya inkunga: Corewell Health ishobora gukoresha cyangwa gutangaza amakuru mu rwego rwo gukusanya inkunga mu nyungu za Porogaramu zirebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge iyo gusa, wowe murwayi, wabanje guhabwa amahirwe yumvikana kandi agaragara yo guhitamo kutamenyeshwa ibijyanye no gukusanya inkunga. Iyo ubyemeye, dushobora gukoresha amakuru amwe n'amwe atari ay'ubuvuzi kugira ngo tukuvugishe mu gukusanya amafaranga agamije gufasha ibigo bikorana na Corewell Health binyuze mu muriyango wa Corewell Health cyangwa ugenzurwa na yo.

Ibyaha bikorerwa ku nyubako z'ibitaro: Dushobora gutangariza amakuru abakozi bashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko bafite aho bahuriye mu buryo butaziguye n'ikorwa ry'icyo cyaha mu nyubako z'ibitaro cyangwa ibikorwa abakozi bacu cyangwa ibikangisho byo gukora icyo cyaha.

Amategeko mpanabyaha: Niba warahawe inshingano zo kuvura abantu bafite aho bahuriye n'amategeko mpanabyaha (Harimo urukiko ruburanisha imanza z'abanyoye ibiyobyabwenge, igenzurwa cyangwa ifungurwa ry'agateganyo) kandi ugomba gushyira umukono ku nyandiko itanga uburenganzira bwo gutangariza inzego zirebwa n'amategeko mpanabyaha nk'urukiko, abashinzwe gukurikirana igeragezwa, abashinjwe iby'ifungurwa ry'agateganyo, abashinjacyaha, cyangwa abandi bakora mu nzego z'umutekano, uburenganzira bwawe bwo gutesha agaciro uburenganzira bushobora kuba budasesuye cyane kandi ugomba kubisobanurirwa byumvikana ku nyandiko utangiraho uburenganzira.

Kurindwa n'amategeko: Amakuru, cyangwa ubuhamya bugaragaza ibikubiye muri ayo makuru, ntagomba gukoreshwa cyangwa gutangarizwa mu rubanza mbonezamubano, urw'ubutegets, mpanyabyaha, cyangwa rujyanye n'amategeko uregwamo keretse rushyigiyemo ku burenganzira bwanditse watanze mu buryo bwihariye cyangwa icyemezo cy'urukiko. Amakuru akoreshwa cyangwa agatangazwa gusa hashingiwe ku cyemezo cy'urukiko nyuma yo kubimenyeshwa no guhabwa amahirwe yo kumvwa (umurwayi) ndetse/cyangwa ufite ayo makuru, aho bisabwa n'itegeko rya 42 USC § 290dd-2 na 42 CFR Part 2. icyemezo cy'urukiko gitegeka gukoresha cyangwa gutangaza amakuru bigomba guherekezwa n'inyandiko ihamagaza cyangwa ikindi cyangombwa cyo mu rwego w'amategeko gitegeka ko ayo makuru atangazwa mbere y'uko akoreshwa cyangwa atangazwa.

Ubushakashatsi: Dushobora gukoresha no gutangaza amakuru akwerekeyeho mu rwego rw'ubushakashatsi iyo ibisabwa bimwe na bimwe byujijwe.

Raporo z'ihohoterwa rivugwa ko rikorerwa abana no kwirengagizwa:

Dushobora gutangaza amakuru asabwa kugira ngo hakorwe raporo hakurikijwe itegeko rya leta rijyanye n'ibibazo by'ihohoterwa rikorerwa abana no kwirengagizwa bikekwa kugira ngo bimenyeshwe abayobozi ba leta cyangwa inzego z'ibanze. Cyakora, dushobora kudatangaza amakuru y'umwimerere y'umurwayi, harimo ibijyanye n'imanza mbonezamubano cyangwa mpanabyaha zishobora gukomoka muri raporo ijyanye no gukeka ko habayeho guhohoterwa abana no kubirengagiza nta burenganzira umurwayi abitangiye.

Gutangaza urupfu: Dushobora gutangariza amakuru yawe ajyanye n'icyateye urupfu inzego zishinzwe ubuzima rusange zemerewe guhabwa ayo makuru.

Indi mikoreshereze y'amakuru y'ubuzima akwerekeyeho:

Indi mikoreshereze y'amakuru y'ubuzima itavuzwe muri iri tangazo cyangwa mu mategeko areba Corewell Health mu ishyingirwa gusa ruhushya rwanditse rwawe. Nduha uruhushya rwo gukoresha cyangwa gutangaza amakuru yawe y'ubuzima, ushobora kurutesha agaciro mu nyandiko igihe cyose. Iyo utesheje agaciro uruhushya rwawe, ntidukoresha cyangwa ngo dutangaze amakuru yawe y'ubuzima ku mpamvu ziri mu burenganzira bwawe watanze mu nyandiko. Ntidushobora guhindura amakuru yatangajwe ayo ari yo yose dushingiye ku ruhushya waduhaye, kandi dusabwa kubika amakuru yacu y'ubuvuzi twaguhaye.

Uburenganzira bwawe bwerekeye amakuru y'ubuzima

Uburenganzira bwo kugenzura no kubona kopi:

Ushobora gusaba kureba cyangwa kubona kopi iri mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa mu mpapuro y'amakuru y'ubuvuzi n'andi makuru y'ubuzima dufite akwerekeyeho. Amakuru yawe ahari arimo amakuru y'ubuvuzi na fagitire ariko ntakubiyemo inyandiko izo ari zo zose z'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe. Tuguha kopi cyangwa incamake y'amakuru y'ubuzima yawe. Bisanzwe bikorwa mu minsi 30 uherye igihe wabisabye. Dushobora kwishyura amafaranga ashya mu gaciro, hagendewe ku giciro. Dushobora kwanga ubusabe bwawe bwo kugenzura no kubona kopi ku mpamvu zimwe na zimwe zihariye cyane. Niwangirwa kugera ku makuru y'ubuzima, ushobora gusaba ko uko kwangirwa gusuzumwa. Indi nzobere mu buvuzi ifite icyemezo yatoranyijwe na Corewell Health isuzuma ubusabe bwawe n'impamvu y'uko kwangirwa. Umuntu ukora isuzuma ntaaba ari umuntu wanze ubusabe bwawe bwa mbere. Dukurikiza ibyavuye mu isuzuma. Niba urimo kwitabira ibikorwa by'ubushakashatsi, dushobora kwanga ubusabe bwawe bwo kugenzura no gukora kopi z'amwe mu makuru yawe y'ubuzima afitanye isano n'ubwo bushakashatsi, igihe cyose wemeye iri kumira ryo kugera ku makuru mu ifishi itanga uburenganzira washyizeho umukono mbere

yo kwitabira. Dushobora kandi kwanga ko ugera ku makuru bitewe byemerwa ukundi n'amategeko.

Uburenganzira bwo kuvugurura amakuru:

Ushobora gusaba Ishami rishinzwe imicungire y'amakuru y'ubuzima gukosora amakuru y'ubuzima akwerekeyeho utekereza ko atari ukuri cyangwa atuzuye. Dushobora kuvuga ngo "oya" ku busabe bwawe, ariko tukakubwira impamvu mu nyandiko mu minsi 60. Dushobora kwanga ubusabe bwawe bwo kuvugurura iyo butari mu nyandiko cyangwa butarimo impamvu ishyigikira ubwo busabe. Dushobora kandi kwanga ubusabe bwawe iyo udusabye kuvugurura amakuru:

- Tutanditse, keretse uwo muntu cyangwa icyo kigo cyayanditse amakuru kitakibaho kugira ngo kiyavugurure.
- Iyo atari amwe mu makuru y'ubuzima yabitswe cyangwa agenewe urwego rwa Corewell Health.
- Atari agize amakuru wifuzaga guhabwa uruhushya kugira ngo ugenzure ndetse unayasabire kopi.
- Ari ukuri kandi yuzuye.

Uburenganzira bwo kumenya inshuro amakuru

yatangajwe: Ushobora gusaba urutonde (kumenya) inshuro twasangije amakuru y'ubuvuzi yawe mu myaka itatu mbere y'itariki uyasabiyeho, uwo twasangije ndetse n'impamvu. Baza Ishami rishinzwe imicungire y'amakuru y'ubuzima uburyo wabisabamo. Dushyiramo amakuru yose yatangajwe uretse ay'ubuvuzi, kwishyura, n'ibikorwa byo kuvura, n'amwe mu yandi makuru yatangajwe (Nk'andi yose wadusabye kuguha) Dutanga urutonde rw'amakuru twatangaje inshuro imwe ku mwaka ku buntu ariko twishyura amafaranga ashyize mu gaciro, ashingiye ku kiguzi iyo usabye urundi rutonde mu gihe cy'amezi 12. Ubusabe bwawe bugomba kugaragaza uko ushaka ko urutonde ruba rumeze (urugero, ku rupapuro cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga).

Uburenganzira bwo gusaba ko hari amakuru

adakoresha cyangwa ngo atangazwe: Ushobora kudusaba ko tudakoresha cyangwa ngo dutangaze amakuru y'ubuzima amwe n'amwe ajyanye n'ubuvuzi, kwishyura cyangwa ibikorwa byacu. Niwishyura serivisi cyangwa ubuvuzi amafaranga yose, ushobora kudusaba kudasangiza ayo makuru umwishingizi wawe w'ubuzima. Tuvuga "yego", keretse amategeko abaye adusaba gusangiza ayo makuru, niba byagira ingaruka ku buvuzi bwawe, cyangwa niba tutabasha kubahiriza ubusabe bwawe.

Uburenganzira bwo gusaba guhanahana amakuru mu ibanga:

Ushobora gusaba ko duhanahana amakuru nawe mu yerekeye ibibazo by'ubuzima bwawe mu buryo cyangwa ahantu runaka. Urugero, ushobora gusaba ko tukuvugisha gusa uri ku kazi cyangwa

dukoresheje imeyili. Twemera ubusabe bwose bufite ishingiro. Ubusabe bushobora gukorwa mu gihe cyo kwiyandikisha, uhagarariye umurwayi, cyangwa ibiro bishinzwe gucunga amakuru y'ibanga. Dushobora kugusaba gushyira ubusabe bwawe mu nyandiko.

Gutanga ikirego

Niba utekereza ko uburenganzira ku buzima bwite bwawe butubahirijwe, ufite uburenganzira bwo gutanga ikirego ukagishyikiriza Umunyamabanga wa Minisiteri y'Amerika ishinzwe ubuzima na serivisi zihabwa abaturage ndetse na Corewell Health. Ntubabwira guha raporo y'ibikorwa byo kutubahiriza uburenganzira bivugwa ko byabayeho Umunyamabanga cyangwa Corewell Health ariko ushobora guha raporo rumwe muri urwo rwego. Ntuzahabwa ibihano cyangwa ngo habeho kwihorera kubera gutanga ikirego.

Kugira ngo utange ikirego muri Minisiteri y'Amerika ishinzwe ubuzima na serivisi zihabwa abaturage, Ishami rishinzwe uburenganzira bw'abaturage, jya kuri ocrportal.hhs.gov/ocr/smartscreen/main.jsf.

Kugira ngo utange ikirego ugishyikirize Corewell Health, ushobora guhamagara umurungo wa telefone utishyurwa wa Integrity Hotline kuri **877.319.0266**, ukohereza imeyiri kuri privacy@corewellhealth.org, cyangwa ugatanga ikirego wandikiye ibaruwa:

Corewell Health
ATTN: Chief Privacy Officer MC6481
100 Corewell Drive NW
Grand Rapids, MI 49503

Impinduka muri iri tangazo

Dufite uburenganzira busesuye bwo guhindura iri tangazo. Dufite kandi uburenganzira bwo gukoresha itangazo ryavuguruwe ku makuru yawe y'ubuzima dufite n'andi makuru yose tuzakira mu gihe kizaza. Dushyira kopi y'itangazo mu nyubako, ibiro, n'ahantu harebwa n'iri tangazo. Itangazo riba ririmo itariki rizatangirira gukurikizwa. Byongeye kandi, kopi y'itangazo riheruka vuba uyihabwa buri uko wiyandikishije mu kigo cyangwa ibiro bya Porogaramu zirebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge, cyangwa ujanwe mu kigo gitangirwamo Porogaramu zirebwa n'Igice cya 2 cy'itegeko ririnda ibanga ry'abakoresha ibiyobyabwenge kugira ngo uvurwe cyangwa uhabwe serivisi z'ubuvuzi nk'umurwayi uvurwa ari mu bitaro cyangwa uvurwa ataha.